

Ba Nyakubahwa ba Ministres,

Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Amajyepfo,

Ba Nyakubahwa Senateri n'abadebite,

Banyakubahwa Bakuru b'Ingabo na Polisi y'Igihugu,

**The representative of the Republic of South Korea Embassy in
Rwanda,**

Nyakubahwa Muyobozi w'Akarere ka Nyamagabe,

Director and Representative of WFP in Rwanda,

Representatives of KOICA and Good Neighbors in Rwanda,

**Nyakubahwa Muyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe
guteza imbere ubumenyingiro n'imyigishirize y'imyuga
(WDA),**

**Babyeyi, bana bacu bo mu Karere ka Nyamagabe,
by'umwihariko ab'Umurenge wa Cyanika, muraho!**

Uyu muni tunejejwe, no kuza kwifatanya namwe muri iki gikorwa cyo gutaha ku mugaragaru, ibikorwa by'indashyikirwa mwagezeho muri uyu Murenge wa Cyanika, Akarere ka Nyamagabe.

Mu myaka ibiri ishize, ubwo twasuraga imidugudu ya Munyinya na Birambo, twasanze abaturage bakeneye kwitabwaho by'umwihariko mu rwego rwo kuzamura imibereho yabo. Ibyo byatumye dutekereza gahunda y'isanamitima riherekejwe n'ibikorwa by'iterambere. Twatekerezaga ko iyo gahunda yaba umusingi wo kongera kwiyubaka, no kubaka ubunyarwanda. Ibi ni ngombwa kandi mu gihe tuzirikana,

imyaka 20 twibuka genoside yakorewe abatutsi, imyaka 20 igihugu cyacu kimaze kibohoye.

Ni muri urwo rwego twifuje gukorera ubuvugizi uyu mushinga, wiswe **”Isano Ishamitse Ubukire”**, dufatanije n’ishami ry’umuryango w’abibumbye PAM, maze uterwa inkunga na Guverinoma ya Koreya y’Amajyepfo .

Munyemerere mbanze nshimire, abafatanyabikorwa bose ku nkunga ikomeye bakomeje gutera igihugu cyacu cy’u Rwanda.

Mbere na mbere ndashimira Igihugu cya Koreya y’Amajyepfo, kibicishije mu muryango ugamiye iterambere KOICA, bakaba barashoboye kudufasha kugera kuri ibi bikorwa bishimishije twatashye none.

Hari uguteza imbere ubuhinzi, hakorwa amaterasi y’indinganire azabafasha kongera umusaruro; kubaka no gusana amazu y’abatishoboye ubu bakaba basusurutse, batekanye; kugeza ku baturage amazi meza ariyo soko y’ubuzima bwiza; hakaba n’ ibyumba by’amashuri ya 12YBE; n’inzu y’ibiganiro n’umuco bigamiye guteza imbere uburezi no kwimakaza ubunyarwanda, cyane cyane mu rubyiruko.

Ndashimira kandi ishami ry’Umuryango w’Abibumbye wita ku biribwa ku isi (PAM) kuko badahwema kwita ku baturage bacu bafite ikibazo cy’ibiribwa. Turabashimira kandi n’ibindi bikorwa byose bakora bagendeye kuri gahunda za Guverinoma yacu nka Vision 2020, nko kwita ku banyeshuri bacu mu mashuri abanza; gutera inkunga koperative z’abahinzi; kwita ku bafite ibibazo by’imirire mibi; n’ibindi. Ibyo bikorwa byose ari nako banateganya ko abaturage bacu bagomba kwigira kuko ariko gaciro kacu.

Turashimira kandi *Good Neighbors* nk'umufatanyabikorwa, wakurikiranye umunsi ku wundi ibi bikorwa kugeza aho bigeze ubu. Mwarakoze, mukomereze aho.

Turashimira kandi Ministeri y'uburezi, by'umwiariko Igihugu gishinzwe guteza imbere ubumenyingiro n'imyigishirize y'imyuga (WDA) kuba barumvise icyifuzo cyacu hakubakwa ishuri ry'imyuga (VCT) rya Cyanika.

Turashimira na none uwihaye Imana Kim Bo Hye, watekereje ku bakiri bato, akatwubakira ishuri ry'incuke.

Birumvikana ko iyo hataba inkunga y'imiyoberere myiza, ibyo byose bitari kubasha kugerwaho. Ni yo mpamvu nshimira ubuyobozi bw'Intara y'Amajyepfo, ubw'Akarere ka Nyamagabe, ubw'Umurenge wa Cyanika, Utugari n'Imidugudu ya Birambo, Gasharu na Munyinya kubera ko babaye hafi aba bafatanyabikorwa bose.

Ibi bikorwa binyuranye byose, ni intangiriro y'umusingi wo kwiteza imbere. Kwigira nyako, ni ukudaheranywa n'agahinda, tugakora tugamije kwivana mu bukene, tukiteza imbere tujyana na gahunda y'imbaturabukungu igihugu cyihaye, hamwe n'izindi gahunda nziza dufite mu gihugu cyacu: Girinka, ubudehe, ubwisungane bwo kwivuzza, uburezi bwa bose,... izi zose ni gahunda zibereyeho abanyarwanda bose; mugomba ariko gushyiramo ingufu zanyu kugira ngo mubyaze inyungu nini inkunga muhabwa, zibagirire akamaro.

Ibi bikorwa kandi bije byiyongera ku nkunga mwatewe yo kubaka Urwibutso rw'abacu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994. Nk'umuryango Unity Club, twumvise ko kubafata mu mugongo by'ukuri ari uko abavandimwe banyu kandi bacu, baruhukira ahantu hatunganye.

Nk'uko nabivuze igihe twatahaga urwo rwibutso, Unity Club yatekereje ko byaba byiza, kubaba hafi, mu rwego rwo gukomeza gusana imitima kandi ku buryo burambye, maze ntimuzaheranwe n'agahinda n'ubwigunge ahubwo mwigirire icyizere cy'ejo hazaza.

Ibikorwa byose mumaze kugeraho, mubyiteho, mubifate neza kandi muzabyagure kuko iyi iba ari intangiriro. Ibyo muzabigeraho ari uko, mushyize hamwe, bajya banavunga ngo **"abishyize hamwe nta kibananira"**. Muzirikane abafite intege nke, na bo mubafashe kuzamuka, mukomeze kubana neza mu bwumvikane no mubusabane.

Mwumve ko kwihaza mu biribwa, bitagarukira ku mafunguro gusa yawe n'abawe, ahubwo ni ukumva ubaye umusemburo w'impinduka, ukamera nk'igitonyanga cy'amavuta kuko iyo kimenetse gikwira hose. Iyi midugudu uko ari 3 ibe icyo gitonyanga, maze ibi byiza bizakwire hose mu Rwanda. Kurwanya inzara twihesha agaciro bibe impamo, ntibizabe inzozu. Ishema ryacu, ni uguharanira kwigira, bitabaye ngombwa ko dukomeza kwitabaza ak'imuhana, muzi mwese ko kaza imvura ihise.

Turabakangurira kandi kwizigamira, kugirango mubashe gukomeza kwiteza imbere, muharanire kugira uruhare runini mu bibakorerwa. Muje mutekereza igihe cyose muti : "Ese twe twiteguye gukora iki ngo dukomeze gutera imbere?"

Kwivana mu bukene, ni kimwe mu byo Unity Club ishyize imbere, mu rwego rwo kugarura no kubaka ubumwe bw'abanyarwanda ndetse no kurwanya Jenocide n'imizi yayo yose mu rwatubyaye.

Ngarutse ku ruhare rwa Unity Club Intwararumuri, hakoze n'ubuvugizi hubakwa ishuri ry'imyuga (VCT) rya Cyanika, na ryo twatashye uyu

munsi, aho twifuza ko urubwiruko rwakwitabira kwiga imyuga inyuranye bakazigirira akamaro, bataretse n'igihugu cyababyaye.

Ndashishikariza urubwiruko rwa Cyanika kwitabira amasomo azatangirwa muri kiriya kigo kuko ari isoko yo kwiteza imbere. Ndasaba ubuyobozi bw'Ikigo k'Igihugu gishinzwe guteza imbere ubumenyingiro n'imyigishirize y'imyuga (WDA) gukomeza kubaba hafi kugirango kiriya kigo kizagire akamaro koko nk'uko tubigitegerejeho.

Kugirango birushaho kugira akamaro, ni uko haba ubufatanye bwa ririya shuri n'umushinga "Isano Ishamitse Ubukire" hakaba ubufatanye bwihariye na Korea y'Amajyepfo mu myigishirize.

Kuba kandi ishuri rizajya ryigisha ibyo guteka, ndetse rikigisha kubika ibiribwa mu buryo burambye, ibi bizaba umuyoboro wo kubonera isoko umusaruro uzava muri uyu mushinga.

Twabonye ko muri iyi midugudu, hamaze kugwira amashuri, nagirango nongere nkangurire ababyeyi kwita ku burere bw'abana babo, muhore muzirikana iteka ko "**Igiti kigororwa kikiri gito**", mubatoze gukunda ishuri, kugira imico myiza maze bazakure ari abana babereye u Rwanda.

Iyi ntambwe imaze guterwa ni iyo kwishimira. Ibaye kandi umusingi utajegajega mu bikorwa byo kwiyubakira ubumwe bwanyu, mwiubakamo imbaraga n'icyizere cyo kurushaho kubaho no kubana neza nk'Abanyarwanda.

Ubuyobozi bukuru bw'igihugu cyacu, bushishikajwe n'iterambere ry'abaturage, kandi bukomeye ku bufatanye mpuzamahanga bushingira ku gaciro ka buri muntu.

Nongeye gushimira abantu bose bagize uruhare muri ibi bikorwa byose, kandi mbasaba ko twakomeza gutera inkunga iyi miryango ndetse n'indi yose mu gihugu.

Sinasoza ntabasabye gukomezanya, muri iki gihe tugiye kwinjira muri gahunda yo kwibuka Genocide yakorewe abatutsi ku nshuro ya 20, mufatane urunana, mwibuke, mwunze ubumwe kandi mwiubaka.

Nsoza ndagirango mbashimire mwese mwitabiriye ubutumire bwacu, nongere nshimire cyane cyane abagize uruhare ngo ibi bikorwa bigerweho, nshimire ndetse n'abateguye uyu muni.

Turabizeza ko Umuryango Unity Club Intwararumuri uzakomeza kubaba hafi.

Murakoze, muhorane umugisha w'Imana!